21° umwanditsi w'urukiko umwe (1) uhagarariye abanditsi bo mu nkiko z'ubucuruzi uturwa na bagenzi be.	21° one (1) court registrar representing Commercial Courts registrars elected by his/her peers.	21° un (1) greffier représentant les greffiers des juridictions de commerce élu par ses pairs.

Ingingo ya 7: Itorwa ry'abagize Inama Nkuru y'Ubucamanza

Uretse Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, Visi Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire, Perezida w'Urukiko Rukuru, uw'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, Umwanditsi Mukuru w'Urukiko rw'Ikirenga n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Inama Nkuru y'Ubucamanza, abagize Inama Nkuru y'Ubucamanza b'abacamanza n'abanditsi b'inkiko batorwa na bagenzi babo bakora mu Nkiko zimwe.

Abiyamamaza babimenyesha mu nyandiko Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Inama Nkuru y'Ubucamanza hasigaye

Article 7: Election of members of the High Council of the Judiciary

Except the President of the Supreme Court, the Vice President of the Supreme Court, the President of the Court of Appeal, the President of the High Court, the President of the Commercial High Court, the Chief Registrar of the Supreme Court and the Executive Secretary of the High Council of the Judiciary, judges and court registrars who are members of the High Council of the Judiciary are elected by their peers from the courts of the same level.

Candidates submit their written applications to the Executive Secretariat of the High Council of the Judiciary at least thirty (30)

Article 7: Élection des membres du Conseil supérieur de la Magistrature

Sauf le Président de la Cour Suprême, le Vice-président de la Cour Suprême, le président de la Cour d'Appel, le président de la Haute Cour, le président de la Haute Cour de Commerce, le greffier en chef de la Cour Suprême et le secrétaire exécutif du Conseil supérieur de la Magistrature, les juges et greffiers membres du Conseil supérieur de la Magistrature sont élus par leurs pairs du même degré de juridiction.

Les candidats présentent leurs candidatures par écrit au secrétariat exécutif du Conseil supérieur de la Magistrature au moins trente

nibura iminsi mirongo itatu (30) kugira ngo amatora abe. Uwiyamamaje wese agomba kuba afite uburambe bw'imyaka itanu (5) akora mu byerekeye amategeko. Amatora ategurwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa, akayoborwa na Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza cyangwa intumwa ye.

Icyakora, amatora y'abagize Inama Nkuru y'Ubucamanza bavugwa mu ngingo ya 6, agace ka 15° y'iri tegeko, ategurwa akanayoborwa na Minisitiri ufite amashuri makuru mu nshingano ze cyangwa uwo yabihereye ububasha, bisabwe na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga.

Ingingo ya 8: Umubare wa ngombwa kugira ngo itora ribe

Ku bagize Inama Nkuru y'Ubucamanza batorwa, amatora aba ari uko hari nibura bitatu bya kane ($\frac{3}{4}$) by'abagize inteko itora. Batorwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abahari. Amatora akorwa mu ibanga.

Ingingo ya 9: Manda y'abagize Inama Nkuru y'Ubucamanza

Abagize Inama Nkuru y'Ubucamanza batorwa, batorerwa manda y'imyaka ine (4). Ntibashobora gutorwa inshuro zirenze ebyiri (2) zikurikiranye.

days before elections. Every candidate shall have an experience of at least five (5) years in the legal profession. Elections are organized by the Executive Secretary and presided over by the President of the High Council of the Judiciary or his/her representative.

However, the election of members referred to under Article 6, item 15° of this Law is organised and presided over by the Minister in charge of institutions of higher learning or his/her representative, upon request by the President of the Supreme Court.

Article 8: Quorum for election

For members of the High Council of the Judiciary subject to elections, elections are held if at least three quarters ($\frac{3}{4}$) of the electorate are present. The members are elected by an absolute majority of the votes of members present. Elections are conducted through a secret ballot.

Article 9: Term of office of the members of the High Council of the Judiciary

The term of office of members of the High Council of the Judiciary subject to election is four (4) years. They shall not hold office for more than two (2) consecutive terms of office.

(30) jours avant la tenue des élections. Tout candidat doit justifier d'une expérience d'au moins cinq (5) ans dans le domaine du droit. Les élections sont organisées par le secrétaire exécutif et présidées par le président du Conseil supérieur de la Magistrature ou son délégué.

Toutefois, l'élection des membres du Conseil supérieur de la Magistrature cités à l'article 6, point 15° de la présente loi est organisée et présidée par le Ministre ayant les institutions d'enseignement supérieur dans ses attributions ou son délégué, à la demande du Président de la Cour Suprême.

Article 8 : Quorum requis pour l'élection

Pour les membres du Conseil supérieur de la Magistrature soumis à une élection, les élections ne peuvent valablement avoir lieu que si les trois quarts ($\frac{3}{4}$) des membres du collège électoral sont présents. Les membres sont élus à la majorité absolue des voix des membres présents. Le vote a lieu au scrutin secret.

Article 9: Mandat des membres du Conseil supérieur de la Magistrature

Les membres du Conseil supérieur de la Magistrature soumis à une élection ont un mandat de quatre (4) ans. Ils ne peuvent exercer plus de deux (2) mandats successifs.

Ingingo ya 10: Isimburwa ry'abagize Inama Nkuru y'Ubucamanza batorwa

Iyo umwe mu bagize Inama Nkuru y'Ubucamanza ayivuyemo igihe cya manda yatorewe gisigaye kingana nibura n'umwaka umwe (1), hakoreshwa irindi tora mu minsi mirongo itatu (30) ibarwa uherye ku itariki y'iyakirwa ry'ibaruwa ibimenyesha.

Iryo menyesha rikorwa n'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Inama Nkuru y'Ubucamanza. Uwatorewe uwo mwanya arangiza igihe gisigaye cya manda y'uwo asimbuye.

Icyiciro cya 3: Inzego z'Inama Nkuru y'Ubucamanza

Ingingo ya 11:Inzego zigize Inama Nkuru y'Ubucamanza

Inama Nkuru y'Ubucamanza igizwe n'inzego zikurikira:

- 1° Inama Rusange;
- 2° Biro;
- 3° komisiyo zihoraho;
- 4° Ubunyamabanga Nshingwabikorwa.

Ingingo ya 12: Inama Rusange

Inama Rusange ni rwo rwego rukuru rw'Inama Nkuru y'Ubucamanza, igizwe n'abagize Inama Nkuru y'Ubucamanza bose.

Article 10: Replacement of members of the High Council of the Judiciary subject to election

Where a member of the High Council of the Judiciary ceases to be a member at least one (1) year before the expiry of his/her term of office, new elections are held within a period of thirty (30) days counted from the date of receipt of the letter of notification.

The notification is made by the Executive Secretariat of the High Council of the Judiciary. The person elected to hold such an office serves for the remainder of the predecessor's term of office.

Section 3: Organs of the High Council of the Judiciary

Article 11: Organs of the High Council of the Judiciary

The High Council of the Judiciary comprises the following organs:

- 1° the General Assembly;
- 2° the Bureau;
- 3° permanent committees;
- 4° the Executive Secretariat.

Article 12: General Assembly

The General Assembly is the supreme organ of the High Council of the Judiciary. It

Article 10: Remplacement des membres du Conseil supérieur de la Magistrature soumis à une élection

Lorsqu'un membre du Conseil supérieur de la Magistrature cesse d'en faire partie une (1) année au moins avant l'expiration de son mandat, il est procédé à de nouvelles élections dans un délai de trente (30) jours à compter de la réception de la lettre de notification.

La notification est faite par le secrétariat exécutif du Conseil supérieur de la Magistrature. La personne élue achève le mandat de son prédécesseur.

Section 3: Organes du Conseil supérieur de la Magistrature

Article 11: Organes du Conseil supérieur de la Magistrature

Le Conseil supérieur de la Magistrature comprend les organes ci-après:

- 1° l'Assemblée générale;
- 2° le Bureau;
- 3° les commissions permanentes;
- 4° le secrétariat exécutif.

Article 12: Assemblée générale

L'Assemblée générale est l'organe suprême du Conseil supérieur de la Magistrature. Elle

Official Gazette n° Special of 30/05/2018

comprises all members of the High Council of the Judiciary.

comprend tous les membres du Conseil supérieur de la Magistrature.

Mu nama ya mbere ikurikira itorwa ry'abayigize, Inama Nkuru y'Ubucamanza yitoramo Visi Perezida.

In its first meeting following the election of its members, the High Council of the Judiciary elects from among its members a Deputy-Chairperson.

Lors de la première réunion suivant l'élection de ses membres, le Conseil supérieur de la Magistrature élit le Vice-président en son sein.

Abakandida kuri uwo mwanya biyandikisha muri iyo nama. Batorwa hakurikijwe ubwiganze burunduye bw'amajwi y'abaje muri iyo nama. Iyo ubwo bwiganze burunduye butabonetse, itora risubirwamo ako kanya, bagatorwa hakurikijwe ubwiganze busanzwe bw'amajwi mu bakandida babiri (2) barushije abandi amajwi mwitwara ryabanje. Iyo banganyije amajwi, itora risubirwamo. Iyo bongeye kunganya hakoresha tombola.

Candidates for that position are required to register during such a meeting. They are elected by an absolute majority of votes cast by members present. In case absolute majority is not attained, the voting is immediately repeated basing on simple majority from the first two (2) winning candidates of the first round of voting. In case of a tie, the voting is repeated. In case of a new tie, the tie is broken by casting lots.

Les candidats à ce poste se font inscrire lors de cette réunion. Ils sont élus à la majorité absolue des voix exprimées par les membres présents. À défaut de cette majorité, le vote est immédiatement repris et les candidats sont élus à la majorité simple parmi les deux (2) premiers candidats ayant obtenu plus de voix au premier tour du scrutin. En cas de parité des voix, le vote est repris. En cas d'une deuxième parité, il est procédé au tirage au sort.

Ingingo ya 13: Biro

Biro y'Inama Nkuru y'Ubucamanza igizwe n'aba bakurikira:

- 1° Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, ari na we uyiyobora,
- 2° Visi Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga;
- 3° Visi Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza;
- 4° Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire;
- 5° Perezida w'Urukiko Rukuru;
- 6° Perezida w'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi;

Article 13: Bureau

The Bureau of the High Council of the Judiciary comprises the following persons:

- 1° the President of the Supreme Court who is also its chairperson;
- 2° the Vice President of the Supreme Court;
- 3° The Deputy Chairperson of the High Council of the Judiciary;
- 4° the President of the Court of Appeal;
- 5° the President of the High Court;
- 6° the President of the Commercial High Court;

Article 13: Bureau

Le Bureau du Conseil supérieur de la Magistrature est composé des personnes suivantes :

- 1° le Président de la Cour Suprême qui en est aussi le président,
- 2° le Vice-président de la Cour Suprême;
- 3° le vice-président du Conseil supérieur de la Magistrature ;
- 4° le président de la Cour d'Appel;
- 5° le président de la Haute Cour;
- 6° le président de la Haute Cour de Commerce;

7° Umunyamabanga Nshingwabikorwa, ari nawe mwanditsi wayo.

7° the Executive Secretary who is also its rapporteur.

7° le secrétaire exécutif qui en est aussi le rapporteur.

Ingingo ya 14: Komisiyo zihoraho

Article 14: Permanent committees

Article 14: Commissions permanentes

Inama Nkuru y'Ubucamanza igizwe na komisiyo eshatu (3) zihoraho zikurikira:

The High Council of the Judiciary comprises the following three (3) permanent committees:

Le Conseil supérieur de la Magistrature comprend trois (3) commissions permanentes suivantes:

1° komisiyo ishinzwe imyitwarire;

1° the disciplinary committee;

1° la commission de discipline;

2° komisiyo ishinzwe umwuga w'abacamanza n'abanditsi b'inkiko;

2° the committee responsible for the profession of judges and registrars;

2° la commission de la profession des juges et des greffiers;

3° komisiyo ishinzwe imikorere y'Ubucamanza.

3° the committee responsible for the functioning of the judicial system.

3° la commission du fonctionnement du système judiciaire.

Buri komisiyo yitoramo Perezida n'umwanditsi wayo.

Each committee elects among its members a chairperson and a rapporteur.

Chaque commission élit en son sein un président et un rapporteur.

Inama Nkuru y'Ubucamanza ishobora gushyiraho komisiyo zidasanzwe igihe bibaye ngombwa, zigahabwa inshingano zizwi n'igihe zizamara.

The High Council of the Judiciary may, if necessary, establish ad hoc committees with a specific mission and time limit.

Le Conseil supérieur de la Magistrature peut créer des commissions spéciales en cas de besoin et en préciser la mission et la durée.

Ingingo ya 15: Ubunyamabanga Nshingwabikorwa

Article 15: Executive Secretariat

Article 15: Secrétariat exécutif

Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Inama Nkuru y'Ubucamanza buyoborwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa.

The Executive Secretariat of the High Council of the Judiciary is headed by the Executive Secretary.

Le secrétariat exécutif du Conseil supérieur de la Magistrature est dirigé par le secrétaire exécutif.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Inama Nkuru y'Ubucamanza ashwirwaho binyuze mu ipiganwa, akemezwa n'Inama Rusange y'Inama Nkuru y'Ubucamanza.

The Executive Secretary of the High Council of the Judiciary is recruited on a competitive basis and approved by the General Assembly of the High Council of the Judiciary.

Le secrétaire exécutif du Conseil supérieur de la Magistrature est recruté sur base d'un concours et approuvé par l'Assemblée générale du Conseil supérieur de la Magistrature.

Icyiciro cya 4: Inshingano z’Inzego z’Inama Nkuru y’Ubucamanza

Ingingo ya 16: Inshingano z’Inama Rusange

Inama Rusange ishinzwe cyane cyane ibi bikurikira:

- 1° kwigira no gutanga inama, ibyibwirije cyangwa ibisabwe, ku bibazo byose byerekeye imikorere y’ubutabera;
- 2° gufata ibyemezo ku ishyirwa ku mirimo, izamurwa mu ntera, ivanwa ku mirimo ry’abacamanza, ku migendekere y’umwuga w’abacamanza batari ab’inkiko za gisirikare no gufata ibyemezo nk’urwego rushinzwe imyitwarire yabo uretse abashyirwaho n’izindi nzego;
- 3° gufata ibyemezo ku ishyirwa ku mirimo, izamurwa mu ntera, ivanwa ku mirimo ry’abanditsi b’inkiko;
- 4° gutanga inama buri gihe ku mushinga uwo ari wo wose wo gushyiraho no gukuraho urukiko rushya cyangwa werekeye sitati y’abacamanza n’iy’abakozi b’inkiko ishinzwe;
- 5° gusuzuma ibijyanye n’imigendekere y’akazi no gufata ibyemezo kugira ngo akazi karusheho kugenda neza;

Section 4: Responsibilities of organs of the High Council of the Judiciary

Article 16: Responsibilities of the General Assembly

The General Assembly is particularly responsible for:

- 1° examine and, either on its own motion or upon request, advise on matters relating to the functioning of the justice system;
- 2° take decisions relating to the appointment, promotion or removal from office of judges and to the practising of the profession of judges other than judges of the military courts and take decisions as a body in charge of their discipline except those appointed by other organs;
- 3° take decisions on the appointment, promotion and removal from office of registrars;
- 4° provide advice on any bill relating to the establishment of a new court and removal of an existing court or relating to the statutes of judges and judicial personnel for whom it is responsible;
- 5° assess the delivery of services and make decisions to improve their quality;

Section 4: Attributions des organes du Conseil supérieur de la Magistrature

Article 16: Attributions de l’Assemblée générale

L’Assemblée générale est principalement chargée de:

- 1° étudier et, de son initiative ou sur demande, donner des avis sur toutes les questions relatives au fonctionnement du système judiciaire;
- 2° décider de la nomination, de la promotion, de la révocation des juges et de l’exercice de la profession des juges autres que ceux des juridictions militaires et statuer en tant qu’organe chargé de leur discipline, à l’exception de ceux nommés par d’autres organes;
- 3° décider de la nomination, de la promotion et de la révocation des greffiers;
- 4° donner des avis sur tout projet ou toute proposition de loi portant création d’une nouvelle juridiction ou de suppression d’une juridiction existante ou portant statut des juges et du personnel judiciaire relevant de sa compétence;
- 5° évaluer la prestation de services et prendre des décisions permettant d’en améliorer la qualité;

Official Gazette n° Special of 30/05/2018

- | | | |
|--|---|--|
| 6° kugira inama Perezida wa Repubulika ku ishyirwaho ry'abacamanza bashyirwaho n'Iteka rya Perezida; | 6° advise the President of the Republic on the appointment of judges appointed by a Presidential Order; | 6° donner avis au Président de la République en rapport avec les juges à nommer par arrêté présidentiel; |
| 7° kwemeza amategeko ngengamikorere y'Inama Nkuru y'Ubucamanza; | 7° adopt the rules of procedure of the High Council of the Judiciary; | 7° adopter le règlement d'ordre intérieur du Conseil supérieur de la Magistrature; |
| 8° kwemeza abagize za komisiyo mu Nama Nkuru y'Ubucamanza. | 8° approve members of committees of the High Council of the Judiciary. | 8° approuver les membres des commissions du Conseil supérieur de la Magistrature. |

Ingingo ya 17: Inshingano za Biro

Biro ishinzwe cyane cyane ibi bikurikira:

- 1° kugena abagize Komisiyo z'Inama Nkuru y'Ubucamanza bemezwa n'Inama Rusange y'Inama Nkuru y'Ubucamanza;
- 2° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama Nkuru y'Ubucamanza;
- 3° gufata by'agateganyo ibyemezo byihutirwa biri mu bubasha bw'Inama Nkuru y'Ubucamanza igihe itaraterana;
- 4° gukora isuzumamikorere ry'abacamanza n'abanditsi b'Inkiko ku rwego rwa nyuma, hakurikijwe ibiteganywa n'Itegeko rigena sitati y'abacamanza n'abakozi b'inkiko;
- 5° gusaba Inama Nkuru y'Ubucamanza kongerera manda abayobozi b'inkiko

Article 17: Responsibilities of the Bureau

The responsibilities of the Bureau are particularly as follows:

- 1° determine members of committees of the High Council of the Judiciary to be approved by the General Assembly of the High Council of the Judiciary;
- 2° follow up implementation of decisions of the High Council of the Judiciary;
- 3° urgently take provisional decisions that are in the competence of the High Council of the Judiciary once it has not yet met;
- 4° carry out the performance appraisal of judges and registrars at the last instance in accordance with the law governing the statutes of judges and judicial personnel;
- 5° propose to the High Council of the Judiciary the extension of the term of office of presidents of ordinary and

Article 17: Attributions du Bureau

Les attributions du Bureau sont principalement les suivantes:

- 1° déterminer les membres des commissions du Conseil supérieur de la Magistrature devant être approuvés par l'Assemblée générale du Conseil supérieur de la Magistrature;
- 2° assurer le suivi de la mise en œuvre des décisions prises par le Conseil supérieur de la Magistrature ;
- 3° prendre provisoirement des décisions urgentes rentrant dans les compétences du Conseil supérieur de la Magistrature lorsqu'il ne s'est pas encore réuni;
- 4° évaluer les juges et les greffiers au dernier degré conformément à la loi portant statut des juges et du personnel judiciaire;
- 5° proposer au Conseil supérieur de la Magistrature la prolongation du mandat des présidents des juridictions ordinaires

Official Gazette n° Special of 30/05/2018

zisanzwe n'iz'ubucuruzi uretse abashyirwaho n'izindi nzego.

commercial courts except those appointed by other organs.

et de commerce à l'exception de ceux nommés par d'autres organes.

Ibyemezo Biro y'Inama Nkuru y'Ubucamanza ifata bisanzwe biri mu nshingano z'Inama Nkuru y'Ubucamanza byemezwa burundu n'Inama Nkuru y'Ubucamanza mu nama yayo ya mbere ikurikira ifatwa ryabyo. Iyo ibyo byemezo bitemewe bita agaciro.

Decisions taken by the Bureau of the High Council of the Judiciary that are within the responsibilities of the High Council of the Judiciary are definitively approved by the High Council of the Judiciary in its first meeting following the period the decisions were taken. If such decisions are not approved, they become null and void.

Les décisions prises par le Bureau du Conseil supérieur de la Magistrature qui relèvent de la compétence du Conseil supérieur de la Magistrature sont définitivement approuvées par le Conseil supérieur de la Magistrature à sa première réunion qui suit leur prise. Lorsque ces décisions ne sont pas approuvées, elles deviennent nulles et non avenues.

Ingingo ya 18: Inshingano za komisiyo

Article 18: Responsibilities of committees

Article 18: Attributions des commissions

Inshingano n'imikorere bya komisiyo zigize Inama Nkuru y'Ubucamanza bigenwa n'amategeko ngengamikorere yayo.

The responsibilities and the functioning of committees of the High Council of the Judiciary are determined by its rules of procedure.

Les attributions et le fonctionnement des commissions du Conseil supérieur de la Magistrature sont déterminés par son règlement d'ordre intérieur.

Ingingo ya 19: Inshingano z'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Inama Nkuru y'Ubucamanza

Article 19: Responsibilities of the Executive Secretary of the High Council of the Judiciary

Article 19: Attributions du secrétaire exécutif du Conseil supérieur de la Magistrature

Inshingano z'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Inama Nkuru y'Ubucamanza ni izi zikurikira:

The responsibilities of the Executive Secretary of the High Council of the Judiciary are as follows:

Les attributions du secrétaire exécutif du Conseil supérieur de la Magistrature sont les suivantes:

1° gukora imirimo y'ubwanditsi bw'Inama Nkuru y'Ubucamanza n'ubwa Biro yayo;

1° carry out the secretariat duties for the High Council of the Judiciary and its Bureau;

1° assurer le secrétariat du Conseil supérieur de la Magistrature et celui de son Bureau;

2° gutegura amadosiye azigwa n'Inama Nkuru y'Ubucamanza na za komisiyo;

2° prepare files for consideration by the High Council of the Judiciary and committees;

2° apprêter les dossiers devant être examinés par le Conseil supérieur de la Magistrature et les commissions;

3° gutegura no kohereza inyandiko zitumira abagize Inama Nkuru y'Ubucamanza;

3° prepare and send invitation letters to members of the High Council of the Judiciary;

3° rédiger et transmettre les lettres d'invitation aux membres du Conseil supérieur de la Magistrature;

Official Gazette n° Special of 30/05/2018

- | | | |
|--|---|--|
| 4° gutegura dosiye zivuye mu bugenzuzi bukuru bw'inkiko zigashyikirizwa Inama Nkuru y'Ubucamanza; | 4° prepare files from the Inspectorate General of Courts for submission to the High Council of the Judiciary; | 4° apprêter les dossiers soumis au Conseil supérieur de la Magistrature en provenance du Service d'inspection générale des cours et tribunaux; |
| 5° gucunga, kubika no gukurikirana amadosiye y'abacamanza n'abanditsi b'inkiko; | 5° manage, file and track records of judges and court registrars; | 5° gérer, classer et faire le suivi des dossiers des juges et des greffiers; |
| 6° kwakira no kwiga inyandiko z'abacamanza n'abanditsi b'inkiko biyamamariza kujya mu Nama Nkuru y'Ubucamanza no gutegura amatora yabo; | 6° receive and review applications of judges and registrars aspiring to be members of the High Council of the Judiciary and organize their election; | 6° recevoir et analyser les dossiers des juges et greffiers candidats au Conseil supérieur de la Magistrature et préparer leur élection; |
| 7° gutegura umushinga w'ibyemezo bya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga bishyira mu bikorwa ibyemezo by'Inama Nkuru y'Ubucamanza no kumenyesha abo bireba; | 7° prepare draft orders of the President of the Supreme Court implementing the decisions of the High Council of the Judiciary and notify the concerned parties; | 7° préparer le projet d'ordonnances du Président de la Cour Suprême mettant en exécution les décisions du Conseil supérieur de la Magistrature et les notifier à qui de droit; |
| 8° gutegura umushinga w'amategeko ngengamikorere y'Inama Nkuru y'Ubucamanza; | 8° prepare draft rules of procedure of the High Council of the Judiciary; | 8° rédiger le projet de règlement d'ordre intérieur du Conseil supérieur de la Magistrature; |
| 9° gukora indi mirimo yahabwa n'Inama Nkuru y'Ubucamanza. | 9° perform any other duties as may be assigned to him/her by the High Council of the Judiciary. | 9° exécuter toute autre tâche pouvant lui être confiée par le Conseil supérieur de la Magistrature. |

Icyiciro cya 5: Imikorere y'Inama Rusange

Section 5: Functioning of the General Assembly

Section 5: Fonctionnement de l'Assemblée générale

Ingingo ya 20: Iterana ry'Inama rusange

Article 20: Holding of the General Assembly

Article 20: Tenue de l'Assemblée générale

Inama Rusange y'Inama Nkuru y'Ubucamanza iterana mu nama isanzwe rimwe (1) mu gihembwe. Inama ishobora kwitabirwa n'abandi bayitumiwemo ku

The General Assembly of the High Council of the Judiciary is held in its ordinary session once (1) a quarter. Due to clear reasons, other invited members may attend the General

L'Assemblée générale du Conseil supérieur de la Magistrature se réunit en session ordinaire une (1) fois par trimestre. Pour des raisons précises, d'autres personnes peuvent

Official Gazette n° Special of 30/05/2018

mpamvu zizwi, ariko ntibemerewe gufata ibyemezo. Ishobora kandi guterana mu nama idasanze, igihe cyose bibaye ngombwa, biturutse kuri Perezida wayo cyangwa bisabwe nibura na barindwi (7) mu bayigize. Icyo gihe isuzuma gusa ibiteganyijwe ku murongo w'ibyigwa.

Inama Rusange y'Inama Nkuru y'Ubucamanza itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida wayo, yaba adahari agasimburwa na Visi-Perezida wayo.

Inyandiko itumira abagize Inama Nkuru y'Ubucamanza, igaragaza ibiri ku murongo w'ibyigwa, isaha y'inama n'aho izabera, kandi yohererezwa abagize iyo nama iminsi cumi n'itanu (15) mbere y'uko iterana. Iyo byihutirwa icyo gihe gishobora kugabanywa.

Abagize Inama Nkuru y'Ubucamanza ntibemerewe guhagararirwa mu nama rusange zayo.

Ingingo ya 21: Ifatwa ry'ibyemezo

Inama Rusange y'Inama Nkuru y'Ubucamanza iterana hari nibura bibiri bya gatatu (2/3) by'abayigize.

Inama Rusange y'Inama Nkuru y'Ubucamanza ifata ibyemezo ku bwumvikane busesuye. Iyo bidashobotse, ibyemezo bifatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abahari.

Assembly, but without voting rights. The General Assembly may also hold its extraordinary session, whenever necessary, upon initiative of its chairperson or upon request by at least seven (7) members. During that session, it only examines items on the agenda.

The General Assembly of the High Council of the Judiciary is convened and presided over by its Chairperson and in his/her absence, by the Deputy Chairperson.

The invitation letter to the members of the High Council of the Judiciary specifies items on the agenda, time and venue of the meeting and is sent to every member fifteen (15) days before the meeting. In case of urgency, such a period may be shortened.

Members of the High Council of the Judiciary are not allowed to attend the meetings of the General Assembly by proxy.

Article 21: Decision-making

The General Assembly of the High Council of the Judiciary is held if at least two thirds (2/3) of its members are present.

The General Assembly of the High Council of the Judiciary takes decisions by consensus. Failing that, decisions are taken by absolute majority of votes of members present.

être invitées à y assister, mais sans voix délibérative. Elle peut également se réunir en session extraordinaire chaque fois que nécessaire, soit à l'initiative du président, soit à la demande d'au moins sept (7) membres. Dans ce cas, elle n'examine que des points inscrits à l'ordre du jour.

L'Assemblée générale du Conseil supérieur de la Magistrature est convoquée et présidée par son président et en cas d'absence, par son Vice-président.

L'invitation des membres du Conseil supérieur de la Magistrature indique l'ordre du jour, l'heure et le lieu de la réunion et est adressée à chaque membre du Conseil supérieur de la Magistrature quinze (15) jours avant sa tenue. En cas d'urgence, ce délai peut être écourté.

Les membres du Conseil supérieur de la Magistrature ne sont pas autorisés à se faire représenter dans des réunions de l'Assemblée générale.

Article 21: Prise de décisions

L'Assemblée générale du Conseil supérieur de la Magistrature ne se réunit que si les deux tiers (2/3) de ses membres sont présents.

L'Assemblée générale du Conseil supérieur de la Magistrature prend ses décisions par consensus. À défaut, les décisions sont prises à la majorité absolue des voix des membres présents.

Icyakora, icyemezo cyo gukura ku murimo umucamanza gifatwa ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu (2/3) by'amajwi y'abahari hakoreshejwe itora. Iyo umucamanza ugomba gufatirwa ibyemezo ari mu Nama Nkuru y'Ubucamanza arahezwa kandi ntatora. Itora riba mu ibanga.

Ibyemezo by'Inama Rusange y'Inama Nkuru y'Ubucamanza bishyirwaho umukono na Perezida n'Umwanditsi wayo, bigahita bishyirwa mu bikorwa uretse ibigomba kubanza kumenyeshwa abo byafatiwe.

Ingingo ya 22: Inyandikomvugo z'Inama Rusange z'Inama Nkuru y'Ubucamanza

Inama Rusange z'Inama Nkuru y'Ubucamanza zikorera inyandikomvugo zigashyirwaho umukono na Perezida n'Umwanditsi wayo. Izo nyandikomvugo zoherezwa abagize Inama Nkuru y'Ubucamanza bose mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uherye igihe inama ibereye.

Ingingo ya 23: Kugira ibanga

Abagize Inama Rusange y'Inama Nkuru y'Ubucamanza n'abandi bantu batumiwe kimwe n'ababunganira bagomba kubika ibanga ry'ibyavugiwe mu nama.

However, a decision to remove a judge from office is taken by a majority of two-thirds (2/3) of the votes of members present. When a judge concerned in the decision is a member of the High Council of the Judiciary, he/she withdraws from the meeting and does not vote on the decision. The voting is secret.

Decisions of the General Assembly of the High Council of the Judiciary are signed by the Chairperson and the rapporteur and immediately enforceable except those that require prior notification to those in respect of whom they are taken.

Article 22: Minutes of the General Assembly of the High Council of the Judiciary

Minutes are taken at the meetings of the General Assembly of the High Council of the Judiciary and signed by its Chairperson and rapporteur. Such minutes are transmitted to all members of the High Council of the Judiciary within thirty (30) days of the meeting date.

Article 23: Duty of confidentiality

Members of the General Assembly of the High Council of the Judiciary and other invited persons as well as their support staff are held to the obligation of confidentiality regarding deliberations.

Toutefois, la révocation d'un juge est décidée à la majorité des deux tiers (2/3) des voix des membres présents. Lorsqu'un juge concerné par la décision est membre du Conseil supérieur de la Magistrature, il se retire de la réunion et ne participe pas au vote lors de la prise de cette décision. Le vote est secret.

Les décisions de l'Assemblée générale du Conseil supérieur de la Magistrature sont signées par le président du Conseil supérieur de la Magistrature et par le rapporteur et sont immédiatement exécutoires, sauf celles devant préalablement être notifiées aux concernés.

Article 22: Procès-verbaux de l'Assemblée générale du Conseil supérieur de la Magistrature

Les séances de l'Assemblée générale du Conseil supérieur de la Magistrature font l'objet de procès-verbaux et sont signés par le président et le rapporteur. Ces procès-verbaux sont transmis à tous les membres du Conseil supérieur de la Magistrature endéans trente (30) jours de la tenue de réunion.

Article 23: Devoir de confidentialité

Les membres de l'Assemblée générale du Conseil supérieur de la Magistrature ainsi que d'autres personnes invitées à ses réunions et leur personnel d'appui sont tenus au secret des délibérations.

Ingingo ya 24: Ibigenerwa abitabiriye inama

Ibigenerwa abagize Inama Nkuru y'Ubucamanza bitabiriye inama z'Inama Nkuru y'Ubucamanza n'iza Komisiyo z'Inama Nkuru y'Ubucamanza bigenwa n'icyemezo cya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga.

Ingingo ya 25: Amategeko ngengamikorere y'Inama Nkuru y'Ubucamanza

Inama Nkuru y'Ubucamanza ishyiraho amategeko ngengamikorere yayo. Mu byo ayo mategeko ngengamikorere ateganya harimo inshingano n'imikorere by'inzego z'Inama Nkuru y'Ubucamanza bitavuzwe muri iri tegeko.

UMUTWE WA III: URWEGO RW'UBUCAMANZA

Icyiciro cya mbere: Inzego zigize Urwego rw'Ubucamanza n'inshingano zazo

Akiciro ka mbere: Biro y'Urwego rw'Ubucamanza

Ingingo ya 26: Abagize Biro y'Urwego rw'Ubucamanza

Biro y'Urwego rw'Ubucamanza igizwe n'aba bakurikira:

1° Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga;

Article 24: Sitting allowances

Sitting allowances for members of the High Council of the Judiciary participating in the meetings of the High Council of the Judiciary and those of its committees are determined by an order of the President of the Supreme Court.

Article 25: Rules of procedure of the High Council of the Judiciary

The High Council of the Judiciary establishes its rules of procedure. The rules of procedure provide for, inter alia, the responsibilities and functioning of the organs of the High Council of the Judiciary that are not specified in this Law.

CHAPTER III: JUDICIAL ORGAN

Section One: Organs of the Judicial Organ and their responsibilities

Subsection One: Bureau of the Judicial Organ

Article 26: Composition of the Bureau of the Judicial Organ

Members of the Bureau of the Judicial Organ are as follows:

1° the President of the Supreme Court;

Article 24: Jetons de présence

Les jetons de présence alloués aux membres du Conseil supérieur de la Magistrature qui participent aux réunions du Conseil supérieur de la Magistrature et à celles de ses commissions sont déterminés par ordonnance du Président de la Cour Suprême.

Article 25: Règlement d'ordre intérieur du Conseil supérieur de la Magistrature

Le Conseil supérieur de la Magistrature adopte son règlement d'ordre intérieur. Le règlement d'ordre intérieur détermine notamment les attributions et le fonctionnement des organes du Conseil supérieur de la Magistrature qui ne sont pas précisés dans la présente loi.

CHAPITRE III : ORGANE JUDICIAIRE

Section première : Organes de l'Organe judiciaire et leurs attributions

Sous-section première : Bureau de l'Organe judiciaire

Article 26: Composition du Bureau de l'Organe judiciaire

Les membres du Bureau de l'Organe judiciaire sont les suivants:

1° le Président de la Cour Suprême;

Official Gazette n° Special of 30/05/2018

2° Visi Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga;	2° the Vice-President of the Supreme Court;	2° le Vice-président de la Cour Suprême;
3° Perezida w'Urukiko rw'Ubururire;	3° the President of the Court of Appeal;	3° le président de la Cour d'Appel;
4° Perezida w'Urukiko Rukuru;	4° the President of the High Court;	4° le président de la Haute Cour;
5° Perezida w'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi;	5° the President of the Commercial High Court;	5° le président de la Haute Cour de Commerce;
6° Umugenzuzi Mukuru w'Inkiko;	6° the Inspector General of Courts;	6° l'Inspecteur général des cours et tribunaux;
7° Umunyamabanga Mukuru mu Rukiko rw'Ikirenga;	7° the Secretary General of the Supreme Court;	7° le secrétaire général de la Cour Suprême;
8° Umwanditsi Mukuru w'Urukiko rw'Ikirenga ari na we mwanditsi wayo.	8° the Chief Registrar of the Supreme Court who also serves as its rapporteur.	8° le greffier en chef de la Cour Suprême qui en est également le rapporteur.

Ingingo ya 27: Inshingano za Biro y'Urwego rw'Ubucamanza

Biro y'Urwego rw'Ubucamanza ifite inshingano zikurikira:

- 1° gufata ingamba n'ibyemezo bigamije kunoza imikorere y'inkiko n'izindi nzego zigize Urwego rw'Ubucamanza no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'izo ngamba n'ibyemezo;
- 2° kwemeza gahunda y'ibikorwa n'umushinga w'ingingo y'imari y'inkiko zisanzwe n'iz'ubucuruzi.

Article 27: Responsibilities of the Bureau of the Judicial Organ

The Bureau of the Judicial Organ has the following responsibilities:

- 1° adopt strategies and take decisions aimed at improving the functioning of courts and other organs of the Judicial Organ and follow-up the implementation of such strategies and decisions;
- 2° approve the action plan and the draft budget for ordinary and commercial courts.

Article 27: Attributions du Bureau de l'Organe judiciaire

Les attributions du Bureau de l'Organe judiciaire sont les suivantes:

- 1° adopter les stratégies et prendre les décisions en vue d'améliorer le fonctionnement des juridictions et d'autres organes de l'Organe judiciaire et faire le suivi de ces stratégies et décisions;
- 2° approuver le plan d'action et le projet de budget des juridictions ordinaires et celles de commerce.

Ingingo ya 28: Itumizwa n'ifatwa ry'ibyemezo bya Biro y'Urwego rw'Ubucamanza

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga atumiza kandi akayobora inama ya Biro y'Urwego rw'Ubucamanza. Iyo atabonetse iyoborwa na Visi Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga.

Inama ya Biro y'Urwego rw'Ubucamanza iterana rimwe (1) mu kwezi n'igihe cyose bibaye ngombwa. Iterana mu buryo bwemewe iyo hari bibiri bya gatatu (2/3) by'abayigize. Ibyemezo byayo bifatwa ku bwumvikane busesuye, bitashoboka bigafatwa na bibiri bya gatatu (2/3) by'abitabiriye inama.

Akicro ka 2: Ibiro bya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga

Ingingo ya 29: Abagize Ibiro bya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga

Ibiro bya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga bigizwe n'abakozi bakurikira:

- 1° umujyanama wa Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga ari na we ukuriye Ibiro;
- 2° umujyanama wa Visi Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga;
- 3° Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Inama Nkuru y'Ubucamanza;

Article 28: Convening of and decision-making in the meeting of the Bureau of the Judicial Organ

The President of the Supreme Court convenes and chairs the meeting of the Bureau of the Judicial Organ. In his/her absence, the Vice President of Supreme Court chairs the meeting.

The meeting of the Bureau of the Judicial Organ is held once a month and whenever necessary. The meeting is validly held if two-thirds (2/3) of its members are present. Decisions of the meeting are taken by consensus, or failing that, by a two-thirds (2/3) majority of members present in the meeting.

Subsection 2: Office of the President of the Supreme Court

Article 29: Composition of the Office of the President of the Supreme Court

The Office of the President of the Supreme Court is composed of the following staff:

- 1° the adviser to the President of the Supreme Court who is the head of the Office;
- 2° the adviser to the Vice President of the Supreme Court;
- 3° the Executive Secretary of the High Council of the Judiciary;

Article 28: Convocation et prise de décisions du Bureau de l'Organe judiciaire

Le Président de la Cour Suprême convoque et préside la réunion du Bureau de l'Organe judiciaire. En cas de son absence, le Vice-président de la Cour Suprême préside la réunion.

La réunion du Bureau de l'Organe judiciaire se tient une (1) fois par mois et chaque fois que nécessaire. Le Bureau de l'Organe judiciaire ne délibère valablement que lorsque les deux tiers (2/3) de ses membres sont présents. Les décisions sont prises par consensus ou, à défaut, à la majorité de deux tiers (2/3) des membres présents à la réunion.

Sous-section 2: Cabinet du Président de la Cour Suprême

Article 29: Composition du Cabinet du Président de la Cour Suprême

Le Cabinet du Président de la Cour Suprême est composé du personnel suivant:

- 1° le Conseiller du Président de la Cour Suprême qui est le chef de Cabinet;
- 2° le Conseiller du Vice-président de la Cour Suprême;
- 3° le secrétaire exécutif du Conseil supérieur de la Magistrature;

Official Gazette n° Special of 30/05/2018

- | | | |
|---|---|--|
| 4° abakozi bashinzwe ubushakashatsi bunganira abacamanza b'Urukiko rw'Ikirenga; | 4° staff members in charge of research assisting the judges of the Supreme Court; | 4° le personnel chargé de la recherche assistant les juges de la Cour Suprême; |
| 5° abakozi b'ishami rishinzwe gusemura; | 5° staff members of the translation department; | 5° le personnel du département de traduction; |
| 6° abanyamabanga ba Perezida na Visi Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga; | 6° secretaries of the President and Vice President of the Supreme Court; | 6° les secrétaires du Président et du Vice-président de la Cour Suprême; |
| 7° abandi bakozi ba ngombwa. | 7° other necessary staff members. | 7° autre personnel nécessaire. |

Ingingo ya 30: Ishyirwaho ry'abagize Ibiro bya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga

Abakozi bo mu Biro bya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga bashyirwaho kandi bagakurwaho n'Inama Nkuru y'Ubucamanza.

Abakozi bo mu Biro bya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga bagengwa n'itegeko rigena sitati y'abacamanza n'abakozi b'inkiko.

Akiciro ka 3: Ubugenzuzi Bukuru bw'Inkiko

Ingingo ya 31: Abagize Ubugenzuzi Bukuru bw'Inkiko

Ubugenzuzi Bukuru bw'Inkiko bugizwe n'Umugenzuzi Mukuru n'abagenzuzi b'Inkiko nibura bane (4), abashakashatsi n'abandi bakozi ba ngombwa bunganira abagenzuzi mu mirimo yabo.

Article 30: Appointment of members of the Office of the President of the Supreme Court

The staff in the Office of the President of the Supreme Court are appointed and removed from office by the High Council of the Judiciary.

The staff in the Office of the President of the Supreme Court are governed by the law governing the statutes of judges and judicial personnel.

Subsection 3: Inspectorate General of Courts

Article 31: Composition of the Inspectorate General of Courts

The Inspectorate General of Courts comprises the Inspector General and at least other four (4) inspectors, researchers and other necessary staff members assisting inspectors in the performance of their duties.

Article 30 : Nomination des membres du Cabinet du Président de la Cour Suprême

Le personnel de cabinet du Président de la Cour Suprême est nommé et révoqué par le Conseil supérieur de la Magistrature.

Le personnel de Cabinet du Président de la Cour Suprême est régi par la loi portant statut des juges et du personnel judiciaire.

Sous-section 3: Inspection générale des cours et tribunaux

Article 31: Composition de l'Inspection générale des cours et tribunaux

L'Inspection générale des cours et tribunaux est composée de l'Inspecteur général et d'au moins quatre (4) inspecteurs, des chercheurs et d'autres membres du personnel nécessaires pour assister les inspecteurs dans leurs fonctions.

Official Gazette n° Special of 30/05/2018

Umugenzuzi Mukuru, abagenzuzi n'abashakashatsi bagengwa n'itegeko rigena sitati y'abacamanza n'abakozi b'inkiko.

The Inspector General, inspectors and researchers are governed by the law governing the statutes of judges and judicial personnel.

L'Inspecteur général, les inspecteurs et les chercheurs sont régis par la loi portant statut des juges et du personnel judiciaire.

Ingingo ya 32: Inshingano z'Ubugenzuzi Bukuru bw'Inkiko

Article 32: Responsibilities of the Inspectorate General of Courts

Article 32: Attributions de l'Inspection générale des cours et tribunaux

Ubugenzuzi Bukuru bw'Inkiko bushinzwe cyane cyane ibi bikurikira:

The Inspectorate General of Courts is particularly in charge of the following:

L'Inspection générale des cours et tribunaux est particulièrement chargée de ce qui suit:

1° kugenzura imikorere y'inkiko zisanzwe n'inkiko z'ubucuruzi uretse Urukiko rw'Ikirenga n'Urukiko rw'Ubujurire;

1° carry out inspection of the functioning of ordinary and commercial courts with the exception of the Supreme Court and the Court of Appeal;

1° assurer l'inspection du fonctionnement des juridictions ordinaires et des juridictions de commerce, à l'exception de la Cour Suprême et de la Cour d' Appel;

2° kugenzura no gukurikirana imyifatire y'abacamanza n'iy'abanditsi b'inkiko, uretse abo mu Rukiko rw'Ikirenga n'ab'Urukiko rw'Ubujurire;

2° monitor and make follow-up on the discipline of judges and registrars with the exception of those of the Supreme Court and the Court of Appeal;

2° faire le contrôle et le suivi de la discipline des juges et des greffiers, à l'exception de ceux de la Cour Suprême et de la Cour d' Appel;

3° kugenzura uburyo amategeko n'amabwiriza agenga inkiko byubahirizwa;

3° make follow-up on the implementation of laws and regulations governing courts;

3° faire le suivi de l'exécution des lois et règlements régissant les juridictions;

4° kwita ku budakemwa bw'imanza no gusuzuma akarengane kavugwa mu manza zisabirwa gusubirwamo;

4° ensure fairness of judgements and examine injustice alleged in the judgements submitted for review;

4° assurer l'équité des jugements et examiner l'injustice alléguée dans les jugements soumis pour révision;

5° gutanga inama ku ngamba zikenewe mu rwego rwo kuboneza imikorere y'Urwego rw'Ubucamanza;

5° advise on required measures to improve on the performance of the Judicial Organ;

5° donner des conseils sur les mesures nécessaires à l'amélioration du service de l'Organe judiciaire;

6° gutegura amahugurwa y'abacamanza n'abanditsi b'inkiko.

6° organise training for judges and registrars.

6° organiser des formations pour les juges et les greffiers.

Ingingo ya 33: Inshingano zihariye z'Umugenzuzi Mukuru w'Inkiko

Umugenzuzi Mukuru w'Inkiko ashinzwe ibi bikurikira:

- 1° kwita ku mitunganyirize n'imikorere myiza by'Ubugenzuzi Bukuru bw'Inkiko;
- 2° kuregera Inama Nkuru y'Ubucamanza abinyujije kuri Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, abacamanza cyangwa abanditsi ku makosa bakekwaho nyuma yo kubikoraho raporo;
- 3° kongerera amashami yo mu Bugenzuzi Bukuru inshingano mu gihe cyose bibaye ngombwa.

Umugenzuzi Mukuru w'Inkiko akena ko hakorwa igenzura abyibwirije cyangwa abisabwe na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, akaba ari na we ashirikiza raporo.

Ingingo ya 34: Imitunganyirize y'Ubugenzuzi Bukuru bw'inkiko

Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Inkiko bugizwe n'Umugenzuzi Mukuru n'abagenzuzi bakuriye amashami akurikira:

- 1° ishami rishinzwe kugenzura ubudakemwa bw'ibyemezo by'inkiko no gusuzuma

Article 33: Special responsibilities of the Inspector General of Courts

The Inspector General of Courts is in charge of the following:

- 1° ensure effective organization and functioning of the Inspectorate General of Courts ;
- 2° file to the High Council of the Judiciary, through the President of Supreme Court, cases of suspected misconduct by judges or registrars after making a report thereon;
- 3° assign additional responsibilities to the units of the Inspectorate General of Courts, whenever necessary.

The Inspector General of Courts decides, on his/her own motion or upon request by the President of the Supreme Court, the conduct of inspection and submits his /her report to the President of the Supreme Court.

Article 34: Organisation of the Inspectorate General of Courts

The service of the Inspectorate General of Courts comprises the Inspector General and inspectors heading the following units:

- 1° the unit in charge of inspection of fairness of decisions of courts and examination of

Article 33: Attributions spéciales de l'Inspecteur général des cours et tribunaux

L'Inspecteur général des cours et tribunaux est chargé de ce qui suit:

- 1° assurer l'organisation et le fonctionnement efficaces de l'Inspection générale des cours et tribunaux;
- 2° saisir le Conseil supérieur de la Magistrature, à travers le Président de la Cour Suprême, des cas d'inconduite soupçonnés de la part des juges ou des greffiers après élaboration d'un rapport y relatif;
- 3° confier des attributions supplémentaires aux unités de l'Inspection générale des cours et tribunaux chaque fois que de besoin.

L'Inspecteur général des cours et tribunaux décide, de sa propre initiative ou sur demande du Président de la Cour Suprême, de la réalisation de l'inspection et soumet son rapport au Président de la Cour Suprême.

Article 34: Organisation de l'Inspection générale des cours et tribunaux

Le service d'Inspection générale des cours et tribunaux est composé de l'Inspecteur général et des inspecteurs responsables des unités suivantes:

- 1° l'unité chargée de vérifier l'équité des jugements et examiner l'injustice alléguée dans les jugements soumis pour révision;

Official Gazette n° Special of 30/05/2018

- | | | |
|---|--|---|
| akarengane kavugwa mu manza zisabirwa gusubirishwamo; | injustice alleged in the judgements submitted for review; | |
| 2° ishami rishinzwe gutegura no gutangaza ibyemezo by'inkiko bitanga umurongo hagamijwe guhuza imicire y'imanza; | 2° the unit in charge of preparation and publication of court decisions to provide guidance for the harmonization of court rulings; | 2° l'unité chargée de la préparation et publication des décisions judiciaires pour donner une orientation en vue de l'harmonisation des décisions judiciaires; |
| 3° ishami rishinzwe kurwanya ruswa no kuboneza imiyoborere n'imikorere by'inkiko, gukurikirana imyifatire y'abacamanza n'iy'abanditsi b'inkiko, gutanga inama ku bihano byahabwa abitwaye nabi iyo bibaye ngombwa no guhuza urwego rw'ubucamanza n'abaturage; | 3° the unit in charge of fighting corruption and ensuring administration and functioning of courts, monitoring the conduct of judges and registrars, providing advice on possible sanctions for misconduct by judges and registrars when necessary and to act as the link between the Judicial Organ and the citizens; | 3° l'unité chargée de la lutte contre la corruption et d'assurer l'administration et le fonctionnement des juridictions, l'inspection sur la conduite des juges et greffiers, donner des avis sur des sanctions éventuelles concernant l'inconduite des juges et greffiers en cas de nécessité et servir de liaison entre l'Organe judiciaire et les citoyens ; |
| 4° ishami rishinzwe amahugurwa y'abacamanza n'abanditsi b'inkiko, gukurikirana ibirebana n'ivugururwa ry'amategeko, gutegura amabwiriza bigenga inkiko n'uburyo yubahirizwa. | 4° the unit in charge of training for judges and registrars, making follow-up on law reform, drafting regulations relating to courts as well as their implementation modalities. | 4° l'unité chargée des formations pour juges et greffiers, du suivi de la réforme du droit, de l'élaboration des règlements relatifs aux juridictions ainsi que de leurs modalités d'exécution. |
| Buri mugenzuzi kandi agira inkiko zo mu ifasi y'urugereko rw'Urukiko Rukuru akurukirana by'umwihariko. | Every inspector has also courts in the jurisdiction of a chamber of the High Court that he/she has to particularly inspect. | Chaque inspecteur, dans le ressort d'une chambre détachée de la Haute Cour, a également des juridictions dont il assure particulièrement l'inspection. |
| Umugenzuzi Mukuru w'Inkiko ni we ushinzwe guhuza ibikorwa by'amashami yavuzwe haruguru. | The Inspector General of Courts is in charge of coordination of activities of the above-mentioned units. | L'Inspecteur général des cours et tribunaux est chargé d'assurer la coordination des activités des unités ci-haut mentionnées. |

Akiciro ka 4: Ubunyamabanga Bukuru

Ingingo ya 35: Abagize Ubunyamabanga Bukuru

Ubunyamabanga Bukuru mu Rukiko rw'Ikirenga bugizwe n'Umunyamabanga Mukuru, abayobozi bakuru, abayobozi n'abandi bakozi bangombwa.

Ingingo ya 36: Uko abakozi bo mu Bunyamabanga Bukuru bashyirwaho

Umunyamabanga Mukuru mu Rukiko rw'Ikirenga ashwirwaho n'Iteka rya Perezida bisabwe na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga. Agengwa n'itegeko rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta n'inzego z'imirimo ya Leta.

Abandi bakozi bo mu Bunyamabanga Bukuru mu Rukiko rw'Ikirenga bashyirwaho hakurikijwe ibiteganywa n'itegeko rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta n'inzego z'imirimo ya Leta.

Ingingo ya 37: Inshingano z'Umunyamabanga Mukuru mu Rukiko rw'Ikirenga

Umunyamabanga Mukuru mu Rukiko rw'Ikirenga ni we ushinzwe gucunga ingengo y'imari y'Urwego rw'Ubucamanza.

Afite kandi inshingano zikurikira:

1° guhuza ibikorwa byose by'inzego z'imirimo zishinzwe imikorere y'abakozi bunganira inkiko;

Subsection 4: General Secretariat

Article 35: Composition of the General Secretariat

The General Secretariat in the Supreme Court is composed of the Secretary General, senior officials, officials and other necessary personnel.

Article 36: Modalities for appointment of staff members of the General Secretariat

The Secretary General in the Supreme Court is appointed by a Presidential Order upon proposal by the President of the Supreme Court. The Secretary General is governed by the law establishing the general statutes for public service.

Other staff members of the General Secretariat in the Supreme Court are appointed in accordance with the provisions of the law establishing the general statutes for public service.

Article 37: Responsibilities of the Secretary General in the Supreme Court

The Secretary General in the Supreme Court is the Chief Budget Manager of the Judicial Organ.

He/she also has the following responsibilities:

1° co-ordinate all activities of the organs in charge of the management of support staff of courts;

Sous-section 4: Secrétariat général

Article 35: Composition du secrétariat général

Le secrétariat général auprès de la Cour Suprême est composé du secrétaire général, de hauts dirigeants, des dirigeants et d'autres membres du personnel nécessaire.

Article 36: Modalités de nomination du personnel du secrétariat général

Le secrétaire général auprès de la Cour Suprême est nommé par arrêté présidentiel sur proposition du Président de la Cour Suprême. Le secrétaire général est régi par la loi portant statut général de la fonction publique.

Les autres membres du personnel du secrétariat général auprès de la Cour Suprême sont nommés conformément aux dispositions de la loi portant statut général de la fonction publique.

Article 37: Attributions du secrétaire général auprès de la Cour Suprême

Le secrétaire général auprès de la Cour Suprême est le gestionnaire principal du budget de l'Organe judiciaire.

Il a également les attributions suivantes:

1° assurer la coordination de toutes les activités des organes chargés de la gestion du personnel d'appui des juridictions;

Official Gazette n° Special of 30/05/2018

- | | | |
|--|--|---|
| 2° gucunga imari, umutungo n'ibikoresho by'inkiko zisanzwe n'iz'ubucuruzi; | 2° ensure the management of finances, property and equipment of ordinary and commercial courts; | 2° assurer la gestion des finances, du patrimoine et des équipements des juridictions ordinaires et celles de commerce; |
| 3° gushyira mu bikorwa politiki y'Urwego rw'Ubucamanza kimwe n'imigambi na gahunda byarwo; | 3° implement the policy of the Judicial Organ as well as its strategies and plans; | 3° mettre en œuvre la politique ainsi que les stratégies et programmes de l'Organe judiciaire; |
| 4° kwita ku mikoranire n'izindi nzego za Leta ku rwego rwa tekiniki; | 4° ensure technical cooperation with other public institutions; | 4° assurer la collaboration technique avec les autres institutions publiques ; |
| 5° kuyobora inzego zishinzwe imirimo yunganira inkiko; | 5° manage organs responsible for support services for courts; | 5° diriger le travail des organes chargés des services d'appui aux juridictions; |
| 6° gufata ibyemezo bya ngombwa, bijyanye n'inshingano ze, birebana n'imitunganyirize y'inkiko; | 6° take necessary measures falling within his/her duties and relating to the organization of courts; | 6° prendre des mesures nécessaires rentrant dans ses attributions et qui sont liées à l'organisation des juridictions; |
| 7° gutegura umushinga w'ingengo y'imari y'inkiko zisanzwe n'iy'inkiko z'ubucuruzi. | 7° prepare the draft budget for ordinary and commercial courts. | 7° élaborer le projet de budget des juridictions ordinaires et de commerce. |

Mu kazi ke, Umunyamabanga Mukuru ayoborwa na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba ari nawe ashirikiza raporo z'imirimo ashinzwe.

While performing his/her duties, the Secretary General works under the supervision of the President of the Supreme Court and reports to the latter with regard to his/her responsibilities.

Dans l'exercice de ses fonctions, le secrétaire général travaille sous la supervision du Président de la Cour Suprême et lui fait rapport concernant ses attributions.

Akiciro ka 5: Inkiko

Subsection 5: Courts

Sous-section 5: Juridictions

Ingingo ya 38: Inkiko zisanzwe

Article 38: Ordinary courts

Article 38: Juridictions ordinaires

Inkiko zisanzwe ni izi zikurikira:

Ordinary courts are the following:

Les juridictions ordinaires sont les suivantes:

- 1° Urukiko rw'Ikirenga;
- 2° Urukiko rw'Ubujurire;

- 1° the Supreme Court;
- 2° the Court of Appeal;

- 1° la Cour Suprême;
- 2° la Cour d'Appel;

3° Urukiko Rukuru;

4° Inkiko Zisumbuye ;

5° Inkiko z'Ibanze.

Ingingo ya 39: Inkiko zihariye

Inkiko zihariye ni izi zikurikira :

1° Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi;

2° Urukiko rw'Ubucuruzi;

3° Urukiko Rukuru rwa Gisirikare;

4° Urukiko rwa Gisirikare.

Ingingo ya 40: Ishyirwaho n'ivanwaho ry'ingereko

Uretse mu Rukiko rw'Ikirenga, Inama Nkuru y'Ubucamanza ishobora gushyiraho cyangwa gukuraho ingereko mu nkiko.

Ingingo ya 41: Abagize urukiko

Usibye Inkiko z'Ibanze zitagira ba Visi Perezida, buri rukiko rugizwe na Perezida warwo na Visi Perezida baruyobora n'abandi bacamanza, abanditsi b'inkiko n'abandi bakozi bashinzwe imirimo inyuranye mu rukiko.

3° the High Court;

4° the Intermediate Courts;

5° the Primary Courts.

Article 39: Specialised courts

Specialised courts are the following:

1° the Commercial High Court;

2° the Commercial Court;

3° the Military High Court;

4° the Military Tribunal.

Article 40: Establishment and removal of chambers

Except for the Supreme Court, the High Council of the Judiciary may establish or remove chambers within courts.

Article 41: Composition of a court

Except for the Primary Courts which have no Vice Presidents, every court is composed of its President and the Vice President who head the court and other judges, registrars and other staff members in charge of various duties in the court.

3° la Haute Cour;

4° les tribunaux de grande instance;

5° les tribunaux de base.

Article 39: Juridictions spécialisées

Les juridictions spécialisées sont les suivantes:

1° la Haute Cour de Commerce;

2° le Tribunal de Commerce;

3° la Haute Cour Militaire;

4° le Tribunal Militaire.

Article 40: Création et suppression des chambres détachées

À l'exception de la Cour Suprême, le Conseil supérieur de la Magistrature peut créer ou supprimer des chambres détachées au sein des juridictions.

Article 41: Composition d'une juridiction

À l'exception des tribunaux de base qui n'ont pas de vice-présidents, chaque juridiction est composée de ses présidents et vice-président qui dirigent la juridiction et d'autres juges, des greffiers et d'autres membres du personnel chargé des fonctions différentes au sein de la juridiction.

Abakozi b'inkiko bagengwa n'itegeko rigena sitati y'Abacamanza n'abakozi b'inkiko uretse abagengwa na sitati rusange y'abakozi ba Leta.

The staff of courts are governed by the law governing the statutes of Judges and judicial personnel except those governed by the general statutes for public service.

Le personnel des juridictions est régi par la loi portant statut des juges et du personnel judiciaire à l'exception de ceux régis par le statut général de la fonction publique.

Ingingo ya 42: Aho imanza ziburanishirizwa

Article 42: Place of hearings

Article 42: Lieu des audiences

Inkiko ziburanishiriza imanza ku cyicaro cyazo. Uretse Urukiko rw'Ikirenga n'Urukiko rw'Ubujurire, inkiko zishobora kuburanishiriza ahandi hose mu ifasi yazo, mu gihe abayobozi bazo basanze byatuma imanza zicibwa neza.

Hearings are conducted at the courts' seats. With the exception of the Supreme Court and the Court of Appeal, courts may conduct hearings in any other place within their jurisdictions if presidents of such courts deem it necessary for achieving fair justice.

Les audiences ont lieu aux sièges des juridictions. À l'exception de la Cour Suprême et la Cour d'Appel, les juridictions peuvent organiser des audiences sur tout autre lieu de leur ressort si les présidents de ces juridictions le jugent nécessaire en vue d'une justice équitable.

Gukorera ahatari ku cyicaro cy'urukiko ntibigomba guhagarika akazi karwo ko ku cyicaro gisanzwe.

The conduct of hearings in a place other than the seat of a court shall cause no disruption of operations at the court's habitual seat.

La conduite des audiences en dehors du siège d'une juridiction ne doit occasionner aucune rupture des activités au siège habituel de cette juridiction.

Ingingo ya 43: Inshingano za Perezida w'urukiko

Article 43: Responsibilities of the president of a court

Article 43: Attributions du président d'une juridiction

Buri Perezida w'Urukiko ashinzwe ubuyobozi bwarwo. Ashinzwe muri rusange ibijyanye n'ica ry'imanza, ubutegetsi, imitunganyirize n'imigendekere myiza y'akazi n'imyifatire y'abakozi b'urukiko ayobora.

Every president of a court is responsible for the administration of the court. In general, he/she is responsible for the matters related to the cases adjudication, administration, organization and smooth running of activities and the conduct of the staff of the court he/she heads.

Chaque président d'une juridiction est responsable de son administration. En général, il est chargé de questions relatives à l'adjudication des affaires, à l'administration, à l'organisation et au bon déroulement des activités et à la discipline du personnel de la juridiction dont il est responsable.

Muri urwo rwego :

In that regard:

À ce titre:

1° ayobora iburanisha ry'imanza z'inteko arimo;

1° he/she presides over the hearings in which he/she is taking part;

1° il préside les audiences des sièges dont il fait partie;

2° agena amatariki y'iburanisha ry'imanza;

2° he/she sets dates for hearings;

2° il fixe les dates d'audiences;

Official Gazette n° Special of 30/05/2018

- | | | |
|--|---|--|
| 3° agena inteko iburanisha akanasaranganya imanza abacamanza baziburanisha; | 3° he/she determines the judges on a bench and distributes cases among judges who adjudicate them; | 3° il détermine la composition du siège et distribue les affaires aux juges qui en font l'adjudication; |
| 4° afata ingamba za ngombwa zigamije kunoza akazi k'urukiko no kugira ngo imanza zicibwe vuba; | 4° he/she adopts appropriate strategies to improve the court functioning and to expedite trial of cases; | 4° il adopte les stratégies appropriées pour améliorer les fonctions judiciaires en vue de la prompte adjudication des affaires; |
| 5° agenzura imikorere ya buri mukozi wese w'urukiko ayobora, akanamufatira ibihano ku rwego rwe, mu gihe yateshutse ku nshingano ze, akurikije amategeko agenga uwo mukozi mu kazi ke kandi akabimenyesha Perezida w'urukiko rumukuriye n'Ubugenzuzi Bukuru bw'Inkiko; | 5° he/she supervises each staff member of the court under his/her responsibility and, depending on the staff member's level and in accordance with the disciplinary procedure provided under the legal provisions governing the staff member, exercises disciplinary authority over him/her and informs the president of the immediate higher court and the General Inspectorate of Courts; | 5° il supervise chaque membre du personnel de la juridiction dont il est responsable et, compte tenu du rang de ce membre du personnel et conformément à la procédure disciplinaire établie par les dispositions légales qui le régissent, exerce le pouvoir disciplinaire sur lui et en informe le président de la juridiction supérieure ainsi que l'Inspection générale des cours et tribunaux; |
| 6° atumiza, akanayobora inama y'abacamanza bese b'urukiko n'abandi bakozi buri kwezi n'igihe cyose bibaye ngombwa igamije kureba imikorere y'urukiko muri rusange, ibyerekeye ubudakemwa bw'imanza n'ubwihute bwazo; | 6° he/she convenes and chairs the meetings of all court judges and other staff on a monthly basis and whenever necessary in order to examine the functioning of the court in general, the effectiveness and promptness of cases adjudication; | 6° il convoque et préside, mensuellement et autant de fois que de besoin, la réunion de tous les juges de la juridiction et d'autres membres du personnel en vue d'examiner le fonctionnement de la juridiction en général, la qualité et la rapidité des affaires; |
| 7° akurikirana, akanagenzura imikorere y'inkiko ziri muni y'urwo ayobora. | 7° he/she monitors and supervises the functioning of lower courts. | 7° il assure le suivi et la supervision du fonctionnement des juridictions inférieures. |

Ingingo ya 44: Isimburwa rya Perezida w'urukiko

Uretse mu Nkiko za Gisirikare, iyo Perezida w'urukiko adahari cyangwa adashoboye kuboneka, asimburwa na Visi Perezida, ataboneka cyangwa adateganyijwe, agasimburwa n'umucamanza urusha abandi uburambe mu kazi. Iyo hari abacamanza

Article 44: Replacement of the President of a court

With the exception of the military courts, if the president of a court is absent or unavailable, he/she is replaced by the vice president. If the vice president of a court is absent or the court has no vice president, the president is replaced by the senior judge. In

Article 44: Remplacement du président d'une juridiction

À l'exception des juridictions militaires, lorsque le président est absent ou empêché, il est remplacé par le vice-président. Lorsque ce dernier est empêché ou n'est pas prévu, il est remplacé par le juge le plus ancien. Au cas où plusieurs juges ont la même ancienneté, le

banganya uburambe agasimburwa n'ufite impamyabumenyi yisumbuye ku z'abandi, baba banganya impamyabumenyi, uruta abandi mu myaka y'amavuko akaba ari we umusimbura.

Ingingo ya 45: Raporo z'ibikorwa by'inkiko

Buri muyobozi w'urukiko ashyikiriza Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga raporo y'ibikorwa by'urukiko ya buri kwezi na buri mwaka n'izindi raporo zikenewe, akagera kopi Umugenzuzi Mukuru w'Inkiko, umuyobozi w'urukiko rukuriye urwo ayobora n'umuyobozi ushinzwe serivisi y'igenamigambi.

Ingingo ya 46: Ubwanditsi bw'Inkiko

Buri rukiko rufite ubwanditsi bwarwo bugizwe n'Umwanditsi Mukuru n'abandi banditsi.

Ingingo ya 47: Inshingano z'Umwanditsi Mukuru

Umwanditsi Mukuru ni we uhuza ibikorwa byose by'ubwanditsi. Muri urwo rwego, ashinzwe gukora gahunda zijyanye n'ubwanditsi n'ishyirwa mu bikorwa ryazo, kubika inyandiko z'urukiko, gukurikirana ibikorwa by'ubwanditsi no gukora raporo z'urukiko. Ashinzwe kandi imyitwarire y'abanditsi.

Umwanditsi Mukuru w'Urukiko rw'Ikirenga cyangwa uw'Urukiko rw'Ubujurire ashobora na we kumvikanisha abaturanyi iyo

case there are judges with the same seniority, the president of a court is replaced by the Judge with the highest qualification level. In case such Judges have the same degrees, he/she is replaced by the oldest judge.

Article 45: Court activity reports

Every president of a court submits to the President of the Supreme Court monthly and annual activity reports of the court and any other required reports with a copy to the Inspector General of Courts, the President of the immediate higher court and to the Director of Planning Services.

Article 46: Courts registry

Every court has its registry comprising the Chief Registrar and other registrars.

Article 47: Responsibilities of the Chief Registrar

The Chief Registrar is the coordinator of the registry's activities. In this regard, he/she is responsible for developing and implementing plans related to the registry, keeping court documents, making follow-up on the registry's activities and preparing court reports. He/she is also responsible for the discipline of registrars.

The Chief Registrar of the Supreme Court or the Court of Appeal may also help parties settle the case if they agree and take decisions

président est remplacé par le juge qui a le diplôme le plus élevé et si ces juges ont les mêmes diplômes, il est remplacé par le juge le plus âgé.

Article 45: Rapport des activités des juridictions

Chaque président d'une juridiction soumet au Président de la Cour Suprême le rapport mensuel et annuel de la juridiction et d'autres rapports nécessaires et réserve copie à l'Inspecteur général de cours et tribunaux, le président de la juridiction supérieure à celle dont il est responsable et au directeur des services de planification.

Article 46: Greffe des juridictions

Chaque juridiction a sa greffe composée d'un greffier en chef et d'autres greffiers.

Article 47: Attributions du greffier en chef

Le greffier en chef est le coordinateur des activités de la greffe. À ce titre, il est chargé de préparer et de mettre en œuvre les plans relatifs à la greffe, assurer la tenue des documents de la juridiction et préparer les rapports de la juridiction. Il est aussi chargé de la discipline des greffiers.

Le greffier en chef de la Cour Suprême ou de la Cour d'Appel peut lui aussi aider les parties à trouver une solution négociée de l'affaire si

Official Gazette n° Special of 30/05/2018

babyemera no gufata ibyemezo ku mafaranga y'ikurikiranarubanza.	on the costs of proceedings associated therewith.	elles sont d'accord et prendre des décisions sur les frais de procédure y afférents.
By'umwihariko Umwanditsi Mukuru w'Urukiko rw'Ikirenga ashinzwe guhuza ibikorwa no gufata ingamba za ngombwa zerekeye imitunganyirize n'imikorere y'ubwanditsi bw'inkiko mu gihugu.	In particular, the Chief Registrar of the Supreme Court is responsible for coordinating activities and develop appropriate strategies relating to the organisation and functioning of the registry of courts in the country.	Le greffier en chef de la Cour Suprême est particulièrement chargé de coordonner les activités et adopter des stratégies appropriées relatives à l'organisation et au fonctionnement du greffe des juridictions dans le pays.
Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga ashobora guha Umwanditsi Mukuru ububasha bwo gushyira umukono ku nyandiko n'ibyemezo bimwe na bimwe birebana n'imicungire myiza y'ubwanditsi bw'inkiko.	The President of the Supreme Court may delegate to the Chief Registrar powers to sign some documents and decisions related to the smooth management of the registry of courts.	Le Président de la Cour Suprême peut déléguer au greffier en chef le pouvoir de signer certains documents et décisions en rapport avec la bonne gestion du greffe des juridictions.
<u>Ingingo va 48: Isimburwa ry'Umwanditsi Mukuru w'Urukiko</u>	<u>Article 48: Replacement of the Chief Registrar</u>	<u>Article 48: Remplacement du greffier en chef</u>
Iyo Umwanditsi Mukuru w'urukiko adahari cyangwa adashoboye kuboneka, asimburwa n'umwanditsi urusha abandi uburambe mu kazi. Iyo hari abanganya uburambe, agasimburwa n'ufite impamyabumenyi yisumbuye ku z'abandi, baba banganya impamyabumenyi, uruta abandi mu myaka y'amavuko akaba ariwe umusimbura.	If the Chief Registrar is absent or unavailable, he/she is replaced by the most senior registrar. Where there are registrars with the same seniority, the Chief Registrar is replaced by the one with the highest academic degree. If registrars have the same academic degrees, he/she is replaced by the eldest registrar.	En cas d'absence ou d'empêchement du greffier en chef de la juridiction, celui-ci est remplacé par le greffier le plus ancien. Lorsque plusieurs greffiers ont la même ancienneté, il est remplacé par le greffier qui a le diplôme le plus élevé. Si les greffiers ont les mêmes diplômes, le greffier en chef est remplacé par le greffier le plus âgé.
<u>Ingingo va 49: Inshingano z'abandi banditsi</u>	<u>Article 49: Responsibilities of other registrars</u>	<u>Article 49: Attributions d'autres greffiers</u>
Abandi banditsi b'inkiko bafite inshingano zikurikira:	Other registrars have the following responsibilities:	Les autres greffiers ont les attributions suivantes:
1° kwakira ibirego no kureba niba byujuje ibyangombwa kugira ngo byandikwe;	1° receive complaints and verify whether they fulfil the required conditions for entry into the register;	1° recevoir les plaintes et vérifier si elles remplissent les conditions requises pour être portées au rôle;

Official Gazette n° Special of 30/05/2018

2° kwakira no gusubiza ibibazo by'abaturage;	2° receive and respond to the complaints of the population;	2° recevoir et répondre aux requêtes de la population;
3° guhamagaza abaturanyi no kubamenyesha ibyemezo by'inkiko;	3° summon parties and notify them of court decisions;	3° assigner les parties et leur notifier des décisions des juridictions;
4° gutanga izindi serivisi za ngombwa abaturage bakenera mu rukiko;	4° provide other necessary services that the population needs in the court;	4° fournir d'autres services nécessaires dont la population a besoin auprès de la juridiction;
5° gusuzuma ko dosiye z'imanza zujuje ibyangombwa kugira ngo ziburanishwe;	5° examine whether case files fulfil the necessary conditions to be heard;	5° examiner si les dossiers des affaires répondent aux conditions requises pour être jugées;
6° gutegura umushinga w'inama ntegururubanza, kuyiyobora no kumvikanisha abaturanyi iyo babyemera;	6° prepare the draft of pre-trial conference schedule, conduct the pre-trial conference and help parties settle the case if they agree ;	6° préparer le projet d'audience de mise en état, conduire et aider les parties à trouver une solution négociée de l'affaire si elles sont d'accord;
7° gukora raporo y'inama ntegururubanza;	7° prepare the pre-trial conference report;	7° rédiger le rapport d'audience de mise en état;
8° gufasha abacamanza gutegura imanza zahawe amatariki y'iburanisha;	8° assist judges in preparing cases whose dates for hearing are set;	8° aider les juges à préparer les procès dont les dates d'audience sont fixées;
9° gukora ubushakashatsi bw'amategeko bukenewe mu mushinga wa raporo y'urubanza rujyanwa mu iburanisha;	9° carry out legal research necessary for the case draft report to be used for hearing purposes;	9° mener une recherche juridique nécessaire au projet de rapport de mise en état devant être utilisée à des fins d'audience ;
10° kwandika ibivugirwa mu iburanisha no gutegura umushinga w'urubanza ushyikirizwa inteko yaburanishije.	10° record proceedings and prepare the case draft report to be submitted to the bench having tried the case.	10° acter ce qui est dit à l'audience et préparer le projet du rapport de mise en état à soumettre au siège ayant connu l'affaire.

Icyiciro cya 2: Imitunganyirize n'imikorere by'Inkiko

Akiciro ka mbere: Urukiko rw'Ikirenga

Ingingo ya 50: Imitunganyirize y'Urukiko rw'Ikirenga

Urukiko rw'Ikirenga ni rwo Rukiko rukuriye izindi nkiko zose mu Gihugu. Ibyemezo byarwo ntibijuririrwa kandi ntibisubirwaho uretse gusa ibyerekeye imbabazi za Perezida wa Repubulika cyangwa gusubira ku cyemezo cyarwo rubyibwirije ku nyungu z'itegeko.

Nta muburanyi wemerewe kuburanira mu Rukiko rw'Ikirenga atunganiwe na avoka.

Ingingo ya 51: Ifasi y'Urukiko rw'Ikirenga

Ifasi y'Urukiko rw'Ikirenga ingana n'igihugu cyose. icyicaro cyarwo kiri mu Mujyi wa Kigali.

Ingingo ya 52: Abagize Urukiko rw'Ikirenga

Urukiko rw'Ikirenga rugizwe na Perezida, Visi Perezida n'abandi bacamanza nibura batanu (5), abanditsi n'abandi bakozi bashinzwe imirimo inyuranye y'Urukiko rw'Ikirenga.

Inteko y'Urukiko rw'Ikirenga igirwa n'abacamanza batatu yunganiwe n'umwanditsi warwo. Ishobora ariko no

Section 2: Organization and functioning of courts

Subsection One: Supreme Court

Article 50: Organisation of the Supreme Court

The Supreme Court is the highest court in the Country. Its decisions are neither appealable nor revocable except in case of presidential pardon or review of its decision on own motion in the interest of the law.

No party shall be tried before the Supreme Court without the assistance of a counsel.

Article 51: Territorial jurisdiction of the Supreme Court

The territorial jurisdiction of the Supreme Court comprises the whole territory of the country. Its seat is located in the City of Kigali.

Article 52: Composition of the Supreme Court

The Supreme Court comprises a President, a Vice President and at least five (5) other judges, court registrars and other staff members in charge of various duties in the Supreme Court.

The Supreme Court bench consists of three (3) judges assisted by its registrar. However, the bench may consist of an odd number of

Section 2: Organisation et fonctionnement des juridictions

Sous-section première : Cour Suprême

Article 50: Organisation de la Cour Suprême

La Cour Suprême est la juridiction suprême du pays. Ses décisions ne sont susceptibles ni d'appel, ni de recours si ce n'est en cas de grâce présidentielle ou de révision de sa décision, de sa propre initiative, dans l'intérêt de la loi.

Aucune partie ne peut être jugée devant la Cour Suprême sans l'assistance d'un avocat.

Article 51: Ressort de la Cour Suprême

Le ressort de la Cour Suprême comprend toute l'étendue du territoire national. Son siège est établi dans la Ville de Kigali.

Article 52: Composition de la Cour Suprême

La Cour Suprême comprend un président, un vice-président et au moins cinq (5) autres juges, des greffiers et d'autres agents chargés de différentes fonctions au sein de la Cour Suprême.

Le siège de la Cour Suprême comprend trois (3) juges assisté par son greffier. Le siège peut être composé d'un nombre impair de plus de

Official Gazette n° Special of 30/05/2018

kugirwa n'umubare w'igiharwe w'abacamanza barenze batatu (3) bitewe n'uburemere Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga aha urubanza.

more than three (3) judges depending on the importance the President of Supreme Court attaches to the case at hand.

trois (3) juges en fonction de l'importance que le Président de la Cour Suprême accorde à l'affaire en question.

Ingingo ya 53: Inshingano zihariye za Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga nk'umuyobozi warwo

Article 53: Specific responsibilities of the President of Supreme Court as the head of the court

Article 53: Attributions spécifiques du Président de la Cour Suprême en tant que responsable de la juridiction

Haseguriwe ibivugwa mu ngingo ya 3 y'iri tegeko, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga ashinzwe by'umwihariko:

Subject to the provisions of Article 3 of this Law, the President of the Supreme Court is particularly responsible for:

Sous réserve des dispositions de l'article 3 de la présente loi, le Président de la Cour Suprême est en particulier chargé de:

1° gutumira no kuyobora nibura buri gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa inama y'abacamanza bose b'Urukiko rw'Ikirenga kugira ngo basuzume ibibazo by'amategeko byagaragaye mu micire y'imanza mu nkiko zitandukanye kandi bemeze umurongo ngenderwaho mu kubikemura. Kugira ngo iyo nama iterane mu buryo bwemewe n'amategeko, hagomba kuba hari nibura bibiri bya gatatu (2/3) by'abayigize. Ibyemezo byayo bifatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abayigize;

1° convening and chairing the meeting of all judges of the Supreme Court at least once every quarter and whenever necessary, to discuss legal issues raised during the adjudication in different courts and to set up guidelines to solve the issues. The quorum required for such a meeting is at least two-thirds (2/3) of its members. Its decisions are taken by an absolute majority of votes cast by its members;

1° convoquer et présider la réunion de tous les juges de la Cour Suprême au moins une fois par trimestre et chaque fois que nécessaire pour examiner les questions juridiques relatives aux décisions de justice prises par les différentes juridictions et mettre en place les lignes directrices à suivre pour les résoudre. Le quorum requis pour la tenue de cette réunion est d'au moins deux tiers (2/3) de ses membres. Les décisions sont prises à la majorité absolue de voix exprimées par ses membres;

2° gushyira mu mabwiriza agenewe inkiko zose ibyemezo bifashwe mu nama y'abacamanza bose b'Urukiko rw'Ikirenga;

2° including in instructions meant for all courts decisions taken in the meeting of all judges of the Supreme Court;

2° intégrer dans les instructions concernant toutes les juridictions les décisions prises lors de la réunion de tous les juges de la Cour Suprême;

3° gukurikirana ishyingirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'inama ivugwa mu gace ka 2° k'iyi ngingo;

3° ensuring implementation of decisions of the meeting referred to under item 2° of this Article;

3° assurer le suivi de l'exécution des décisions de la réunion visée au point 2° du présent article;

4° gushyiraho amabwiriza agenga imitunganyirize n'imikorere by'Urukiko rw'Ikirenga bimaze kwemezwa n'inama

4° issuing instructions governing organisation and functioning of the Supreme Court upon approval by the

4° édicter des instructions régissant l'organisation et le fonctionnement de la Cour Suprême après approbation par la

Official Gazette n° Special of 30/05/2018

y'abacamanza bose b'Urukiko rw'Ikirenga;	meeting of all judges of the Supreme Court;	réunion de tous les juges de la Cour Suprême;
5° guha abacamanza n'abanditsi b'inkiko zo hasi ububasha bwo gukorera mu nkiko zisumbuyeho mu nyungu z'akazi mu gihe kitarenze amezi atandatu (6) uretse mu rukiko rw'Ikirenga ;	5° delegating, in the interest of work, to the judges and registrars from lower courts powers to work in the higher courts for not more than six (6) months except in the Supreme Court;	5° donner, dans l'intérêt du service, aux juges et aux greffiers des juridictions inférieures le pouvoir d'exercer leurs fonctions au sein des juridictions supérieures pour une période n'excédant pas six (6) mois à l'exception de la Cour Suprême ;
6° guha abanditsi n'abacamanza bo mu nkiko zihariye ububasha bwo gukorera mu gihe kitarenze amezi atandatu (6) mu nkiko zisanzwe mu nyungu z'akazi cyangwa abo mu nkiko zisanzwe gukorera mu nkiko zihariye uretse abo mu nkiko za gisirikare;	6° delegating, in the interest of work, to the judges and court registrars from specialised courts powers to work in ordinary courts or to those from ordinary courts the powers to work in specialised courts for not more than six (6) months with the exception of military courts;	6° donner, dans l'intérêt du service, aux juges et aux greffiers des juridictions spécialisées le pouvoir d'exercer leurs fonctions au sein des juridictions ordinaires ou à ceux des juridictions ordinaires le pouvoir d'exercer leurs fonctions au sein des juridictions spécialisées pour une période n'excédant pas six (6) mois à l'exception des juridictions militaires ;
7° kwakira indahiro ya Perezida wa Repubulika.	7° administering the oath of office to the President of the Republic.	7° recevoir le serment du Président de la République.
<u>Ingingo ya 54: Inshingano zihariye za Visi Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga</u>	<u>Article 54: Specific responsibilities of the Vice President of the Supreme Court</u>	<u>Article 54 : Attributions spécifiques du Vice-président de la Cour Suprême</u>
Visi Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga afite inshingano zikurikira:	The Vice President of the Supreme Court has the following responsibilities:	Le Vice-président de la Cour Suprême a les attributions suivantes :
1° kunganira Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga no kumusimbura igihe adahari.	1° assist the President of the Supreme Court and deputize for him/her in case of his/her absence.	1° assister le Président de la Cour Suprême et le remplacer en cas d'absence.
Abiyobowemo na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, Visi Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga afite inshingano zindi zikurikira:	Under the guidance of the President of the Supreme Court, the Vice President of the Supreme Court has other responsibilities as follows:	Sous la direction du Président de la Cour Suprême, le Vice-président de la Cour Suprême a d'autres attributions ci-après :

Official Gazette n° Special of 30/05/2018

- | | | |
|--|--|---|
| 1° gukurikirana imikorere y'ubwanditsi bw'Inkiko; | 1° monitor the functioning of the registry; | 1° assurer le suivi du fonctionnement du greffe ; |
| 2° gukurikirana imikorere y'Ubunyamabanga Bukuru; | 2° monitor the functioning of the General Secretariat; | 2° assurer le suivi du fonctionnement du secrétariat général ; |
| 3° guhuza ishyirwamubikorwa ry'ingamba zo kuzamura ubudakemwa bw'imanza; | 3° coordinate the implementation of strategies meant to enhance the fairness of judgements; | 3° assurer la coordination de la mise en œuvre des stratégies visant à rehausser l'équité des jugements ; |
| 4° gukora izindi nshingano yahabwa na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga. | 4° perform other duties as may be assigned to him/her by the President of the Supreme Court. | 4° exécuter les autres tâches que le Président de la Cour Suprême peut lui assigner. |

Akiciro ka 2: Urukiko rw'Ubujurire

Ingingo ya 55: Imitunganyirize y'Urukiko rw'Ubujurire, ifasi n'icyicaro cyarwo

Urukiko rw'Ubujurire ruca imanza ku rwego rw'ubujurire. Ruburanisha ubujurire bw'imanza zaciwe n'Urukiko Rukuru, Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi n'Urukiko Rukuru rwa Gisirikare. Imanza ruciye ntizijuririrwa keretse iyo amategeko abiteganyaga ukundi.

Urukiko rw'Ubujurire ruburanisha imanza rushingiye ku mategeko agenga imiburanishirize y'imanza mu Rwanda. Nta muburanyi wemerewe kuburanira mu Rukiko rw'Ubujurire atunganiwe n'avoka.

Ifasi yarwo ingana n'igihugu cyose. Rufite icyicaro mu Mujyi wa Kigali.

Sub-section 2: Court of Appeal

Article 55: Organisation, territorial jurisdiction and seat of the Court of Appeal

The Court of Appeal tries cases at the appeal level. The Court of Appeal tries the appeals of cases tried by the High Court, Commercial High Court and the Military High Court. Cases tried by the Court of Appeal are not subject to appeal unless provided otherwise by the law.

The Court of Appeal adjudicates cases in accordance with laws relating to court proceedings in Rwanda. No party to the case in the Court of Appeal shall be allowed to plead unless he/she is assisted by a counsel.

Its jurisdiction covers the entire national territory. Its seat is located in the City of Kigali.

Sous-section 2 : Cour d'Appel

Article 55: Organisation, ressort et siège de la Cour d'Appel

La Cour d'Appel connaît les affaires au degré d'appel. La Cour d'Appel statue en appel sur les affaires jugées par la Haute Cour, la Haute Cour de Commerce et la Haute Cour Militaire. Les jugements rendus par la Cour d'Appel ne sont pas susceptibles d'appel sauf disposition contraire de la loi.

La Cour d'Appel juge les affaires conformément aux lois régissant la procédure judiciaire au Rwanda. Aucune partie au procès ne peut plaider devant la Cour d'Appel à moins qu'elle ne soit assistée par un avocat.

Son ressort correspond à toute l'étendue du territoire national. Son siège est établi dans la Ville de Kigali.

Ingingo ya 56: Abagize Urukiko rw'Ubujurire

Urukiko rw'Ubujurire rugizwe na Perezida warwo, Visi-Perezida n'abandi bacamanza nibura cumi n'umwe (11), Umwanditsi Mukuru, abanditsi n'abandi bakozi babunganira mu mirimo inyuranye y'urukiko amategeko ateganya.

Urukiko rw'Ubujurire ruburanisha imanza rugizwe n'inteko y'umucamanza umwe (1) cyangwa benshi bagomba kuba ari umubare w'igiharwe kandi iyo nteko yunganirwa n'umwanditsi warwo. Perezida w'Urukiko ni we ugena umubare ukwiye kuba mu nteko iburanisha ashingiye ku buremere bw'urubanza.

Ingingo ya 57: Inshingano zihariye za Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire

Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire ashinzwe by'umwihariko guhuza imicire y'imanza ku bibazo bisa. Muri urwo rwego, ayobora nibura rimwe mu mezi atandatu (6) inama ihuza abacamanza b'Urukiko rw'Ubujurire, Urukiko Rukuru, Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi n'Urukiko Rukuru rwa Gisirikare kugira ngo baganire ku bibazo by'amategeko byagaragaye mu micire y'imanza bagashyiraho imirongo ngenderwaho ku rwego rwabo.

Article 56: Composition of the Court of Appeal

The Court of Appeal comprises its President, Vice President and at least other eleven (11) judges, Chief Registrar, Registrars and other necessary support staff members in various duties of the court provided by the law.

The Court of Appeal tries cases while comprising one (1) judge or many who shall be an odd number and the bench is assisted by a Court Registrar. The President of the Court determines the appropriate number of the sitting judges depending on the importance of the case.

Article 57: Specific responsibilities of the President of the Court of Appeal

The President of the Court of Appeal is in particular responsible for coordination of proceedings of the similar cases. In that regard, the President presides over at least every six (6) months the meeting of judges of the Court of Appeal, the High Court, the Commercial High Court and the Military High Court to discuss legal matters raised during adjudication of cases and to set up guidelines at their level.

Article 56: Composition de la Cour d'Appel

La Cour d'Appel est composée de son président, d'un vice-président et de onze (11) autres juges au moins, d'un greffier en chef, des greffiers et d'autre membres du personnel d'appui nécessaires dans différentes fonctions de la cour prévues par la loi.

La Cour d'Appel siège à juge unique (1) ou en collège de juges dont le nombre doit être impair et ce siège est assisté par un greffier. Le président de la Cour désigne le nombre approprié des membres du siège en fonction de l'importance de l'affaire.

Article 57: Attributions spécifiques du président de la Cour d'Appel

Le président de la Cour d'Appel est en particulier chargé de la coordination des procès des cas similaires. À ce titre, le président préside au moins tous les six (6) mois, la réunion des juges de la Cour d'Appel, la Haute Cour, la Haute Cour de Commerce et la Haute Cour Militaire pour examiner les questions juridiques soulevées relatives à la justice et mettre en place des lignes directrices à leur niveau.

Ingingo ya 58: Amategeko agenga abacamanza, abanditsi n'abandi bakozi b'Urukiko rw'Ubujurire

Abacamanza, abanditsi n'abandi bakozi b'Urukiko rw'Ubujurire bagengwa na sitati y'abacamanza n'abakozi b'Inkiko. Abacamanza b'Urukiko rw'Ubujurire bateshutse ku nshingano bahanwa mu buryo bumwe n'abacamanza b'Urukiko rw'Ikirenga.

Akiciro ka 3: Urukiko Rukuru

Ingingo ya 59: Imitunganyirize y'Urukiko Rukuru, ifasi n'icyicaro cyarwo

Urukiko Rukuru rufite icyicaro cyarwo mu Muji wa Kigali, ifasi yarwo ni Igihugu cyose. Urukiko Rukuru rufite ingereko eshanu (5) zikurikira:

- 1° Urugereko rwhariye ruburanisha ibyaha mpuzamahanga n'ibyaha birenga imbibi;
- 2° Urugereko rw'Urukiko Rukuru rukorera i Nyanza;
- 3° Urugereko rw'Urukiko Rukuru rukorera i Musanze;
- 4° Urugereko rw'Urukiko Rukuru rukorera i Rwamagana;
- 5° Urugereko rw'Urukiko Rukuru rukorera i Rusizi.

Article 58: Laws governing judges, registrars and other support staff members of the Court of Appeal

Judges, registrars and other support staff members of the Court of Appeal are governed by the statute of judges and judicial personnel. Judges of the Court of Appeal who fail to discharge their duties are punished in the same way as judges of the Supreme Court.

Sub-section 3: High Court

Article 59: Organisation, territorial jurisdiction and seat of the High Court

The High Court has its seat in the City of Kigali and its jurisdiction covers the entire national territory. The High Court has the following five (5) Chambers:

- 1° the Special Chamber hearing international and transnational crimes;
- 2° the High Court Chamber which has a seat at Nyanza;
- 3° the High Court Chamber which has a seat at Musanze;
- 4° the High Court Chamber which has a seat at Rwamagana;
- 5° the High Court Chamber which has a seat at Rusizi.

Article 58: Lois régissant les juges, les greffiers et autres membres du personnel d'appui de la Cour d'Appel

Les juges, les greffiers et autres membres du personnel d'appui de la Cour d'Appel sont régis par le statut des juges et du personnel judiciaire. Les juges de la Cour Suprême qui manquent à leurs obligations sont sanctionnés de la même manière que les juges de la Cour Suprême.

Sous-section 3: Haute Cour

Article 59: Organisation, ressort et siège de la Haute Cour

La Haute Cour a son siège dans la Ville de Kigali et son ressort correspond à toute l'étendue du territoire national. La Haute Cour a cinq (5) Chambres détachées suivantes:

- 1° la Chambre détachée spécialisée siégeant en matière des crimes internationaux et transnationaux;
- 2° la Chambre détachée siégeant à Nyanza;
- 3° la Chambre détachée siégeant à Musanze;
- 4° la Chambre détachée siégeant à Rwamagana;
- 5° la Chambre détachée siégeant à Rusizi.

Buri rugereko rugira ubuyobozi bwarwo. Inama Nkuru y'Ubucamanza ishobora gushyiraho izindi ngereko cyangwa ikazikuraho.

Every Chamber has its administration. The High Council of the Judiciary may establish other Chambers or suppress them.

Chaque Chambre détachée a son administration. Le Conseil supérieur de la Magistrature peut établir d'autres Chambres détachées ou les supprimer.

Ingingo ya 60: Abagize Urukiko Rukuru

Article 60: Composition of the High Court

Article 60: Composition de la Haute Cour

Urukiko Rukuru rugizwe na Perezida warwo, Visi-Perezida n'abandi bacamanza nibura mirongo itatu (30), Umwanditsi Mukuru, abanditsi n'abandi bakozi babunganira mu mirimo inyuranye y'urukiko amategeko ateganya.

The High Court comprises its President, Vice President and at least other thirty (30) judges, the Chief Registrar, registrars and other support staff members in various duties of the court provided by the law.

La Haute Cour est composée de son président, d'un Vice-président et au moins d'autres trente (30) juges, le greffier en chef, les greffiers ainsi que d'autres membres du personnel d'appui dans différentes fonctions de la cour prévues par la loi.

Urukiko Rukuru ruburanisha imanza rugizwe n'inteko y'umucamanza umwe (1) cyangwa batatu (3) yunganiwe n'umwanditsi warwo. Perezida w'Urukiko ni we ugena umubare ukwiye kuba mu nteko iburanisha ashingiye ku buremere bw'urubanza.

The High Court tries cases by a bench of one (1) or three (3) judges assisted by a Court Registrar. The President of the court determines the appropriate number of the sitting judges depending on the importance of the case.

La Haute Cour siège à juge unique (1) ou en collège de trois (3) juges assisté par un greffier. Le président de la Cour détermine le nombre approprié des membres du siège en fonction de l'importance de l'affaire.

Ingingo ya 61: Inshingano zihariye za Perezida w'Urukiko Rukuru

Article 61: Specific responsibilities of the President of the High Court

Article 61 Attributions spécifiques du président de la Haute Cour

Perezida w'Urukiko Rukuru afite inshingano zihariye zikurikira:

The President of the High Court has the following specific responsibilities:

Le président de la Haute Cour a les attributions spécifiques suivantes:

1° akurikirana imikorere y'Urukiko Rukuru, iy'Inkiko Zisumbuye n'iz'Ibanze;

1° monitor the functioning of the High Court, Intermediate and Primary courts;

1° faire le suivi du fonctionnement de la Haute Cour, des tribunaux de grande instance et des tribunaux de base;

2° ayobora inteko y'abacamanza iburanisha mu rugereko urwo arirwo rwose rwo mu Rukiko Rukuru, iyo asanze ari ngombwa;

2° preside over the bench of judges in each chamber of the High Court if he/she considers it necessary;

2° présider le collège des juges de toute Chambre détachée de la Haute Cour lorsqu'il le juge nécessaire;

3° atumiza akanayobora inama y'abacamanza bose b'Urukiko Rukuru nibura rimwe mu mezi atandatu (6);

3° convene and preside over the meeting of all judges of the High Court at least once every six (6) months;

3° convoquer et présider la réunion de tous les juges de la Haute Cour au moins une fois les six (6) mois;

Official Gazette n° Special of 30/05/2018

- | | | |
|---|---|--|
| 4° atumiza kandi akanayobora inama y'abakozi bese bakorera mu ifasi y'ingereko z'Urukiko Rukuru nibura rimwe mu mezi atandatu (6); | 4° convene and preside over the meeting of all staff of the High Court Chambers at least once every six (6) months; | 4° convoquer et présider la réunion de tout le personnel des Chambres détachées de la Haute Cour au moins une fois les six (6) mois; |
| 5° ashobora mu nyungu z'akazi, gufata ibyemezo biha abacamanza n'abanditsi b'inkiko mu Rukiko Rukuru no mu Nkiko zo hasi ububasha bwo gukorera mu zindi nkiko ariko ziri ku rwego rumwe n'izo bakoramo, mu gihe kitarenze amezi atandatu (6). | 5° he/she may take decisions, in the interest of work, that enable judges and court registrars in the High Court and in lower courts to work in other courts of the same level as those to which they are assigned for a period not exceeding six (6) months. | 5° dans l'intérêt du service, il peut autoriser pour une durée ne dépassant pas six mois (6), les juges et les greffiers de la Haute Cour et ceux des juridictions inférieures à travailler au sein des autres juridictions de même degré que celles où ils sont affectés. |

Akicro ka 4: Inkiko Zisumbuye

Sub-section 4: Intermediate Courts

Sous-section 4 : Tribunaux de grande instance

Ingingo ya 62: Umubare, inyito, ifasi n'ibyicaro by'Inkiko Zisumbuye

Article 62: Number, denominations, territorial jurisdictions and seats of Intermediate Courts

Article 62: Nombre, dénominations, ressorts et sièges des tribunaux de grande instance

Umubare w'Inkiko Zisumbuye, inyito, ifasi n'icyicaro byazo biteganywa n'itegeko rigena ububasha bw'inkiko.

The number of Intermediate Courts, their denominations, territorial jurisdictions and seats are provided for by the law determining the jurisdiction of courts.

Le nombre des tribunaux de grande instance, leurs dénominations, leurs ressorts et leurs sièges sont prévus par la loi déterminant la compétence des juridictions.

Ingingo ya 63: Ingereko z'Inkiko Zisumbuye

Article 63: Chambers of the Intermediate Courts

Article 63: Chambres des tribunaux de grande instance

Buri Rukiko Rwisumbuye rufite ingereko zihariye:

Every Intermediate Court has specialized chambers:

Chaque tribunal de grande instance a les chambres spécialisées:

- | | | |
|---|---|---|
| 1° Urugereko ruburanisha imanza z'abana n'iz'umuryango; | 1° the Chamber hearing children and family cases; | 1° la Chambre siégeant en matière des affaires des enfants et de la famille; |
| 2° Urugereko ruburanisha imanza za ruswa n'ibyaha bimunga ubukungu; | 2° the Chamber hearing cases on corruption and economic crimes; | 2° la Chambre siégeant en matière de corruption et de crimes économiques; |
| 3° Urugereko ruburanisha imanza z'umurimo n'iz'ubutegetsu. | 3° the Chamber hearing labour and administrative cases. | 3° la Chambre siégeant en matière des affaires du travail et de l'administration. |

Abacamanza baburanisha mu ngereko bashobora no kuburanisha izindi manza zitahariwe ingereko bigenwe na Perezida w'urukiko igihe bibaye ngombwa.

Perezida w'Urukiko Rwisumbuye na Visi Perezida baburanisha imanza izo ari zo zose ziri mu Rukiko bayobora harimo n'iz'ingereko zihariye.

Ingingo ya 64: Abagize Urukiko Rwisumbuye

Urukiko Rwisumbuye rugizwe na Perezida warwo, Visi Perezida n'abandi bacamanza nibura barindwi (7), Umwanditsi Mukuru, abandi banditsi n'abandi bakozi babunganira mu mirimo inyuranye y'urukiko amategeko ateganya.

Urukiko Rwisumbuye ruburanisha imanza rugizwe n'inteko y'umucamanza umwe (1) cyangwa batatu (3) yunganiwe n'umwanditsi warwo. Perezida w'Urukiko ni we ugena umubare ukwiye kuba mu nteko iburanisha ashingiye ku buremere bw'urubanza.

Ingingo ya 65: Inshingano zihariye za Perezida w'Urukiko Rwisumbuye

Perezida w'Urukiko Rwisumbuye akurikiranira hafi imikorere y'Inkiko z'Ibanze zo mu ifasi y'Urukiko Rwisumbuye ayobora kimwe n'imyitwarire y'abacamanza, abanditsi n'abakozi bazo.

